

**Amasezerano y'imikemurire y'ikibazo  
hagati y'ishuri ry'akarere rya Dayton City  
School hamwe n'Ibiro bishinzwe kurengera  
uburenganzira rusange bwa muntu (OCR)  
numero ya dosiye #15-21-1023**

Ishuri rya Dayton City School District (Akarere) ku bushake ryashyikirije aya masezerano y'imikemurire y'ikibazo (Amasezerano) ishami rya Leta ya Amerika rishinzwe uburezi, Ibiro bishinzwe kurengera uburenganzira rusange bw'abaturage (OCR), hagamijwe gukemura ibirego byavuzwe hejuru no kubahiriza Ingingo VI y'Itegeko rirengera uburenganzira bwa muntu ryo mu 1964, 42 U.S.C. § 2000d et seq., hamwe no gushyira mu bikorwa amabwiriza yaryo agaragara ku 34 C.F.R. umutwe 100.

Akarere kemeye gufata ingamba zikurikira:

1. Guhera tariki **8 Mata 2022**, Akarere kazavugurura uburyo bwari busanzwe bukoreshwa mu gutanga ubufasha bwo kwigisha ururimi rw'Icyongereza ku babyeyi/abarezi batarukoresha nk'ururimi kavukire (LEP ku babyeyi), harimo n'uburyo bwo gutanga ubwo bufasha nk'uko bifitanye isano n'imyigire yihariye ku rwego rwagutse rutandukanye n'uburyo bukoreshwa mu Karere, mu rwego rwo gushimangira ko bafite uburyo bwo kugerwaho na porogarame n'ibikorwa by'Akarere. "Abakozi," kubera intego y'ubu buryo, hazashyirwamo abayobozi bose bireba, abarimu, abajyanama, n'abakozi bunganira. Uburyo bwanditse buzaba burimo ibi bikurikira:

- a. Uburyo bwo kumenyesha ababyeyi biga Icyongereza nk'ururimirwa kabiri, mu rurimi ababyeyi bazabasha kumva, uburyo bwo gufashwa mu kwigishwa ururimi ku buntu ariko hubahirizwa gahunda n'ibikorwa by'ishuri. Itangazo rizatangazwa, nibura, ku rubuga rwa interineti rw'Akarere, mu dutabo twagenewe ababyeyi n'abanyeshuri, an'ibinyamakuru byose bishingiye ku Karere kose cyangwa ishuri.
- b. Amabwiriza avuga ko ari ingezi gusa ko ababyeyi bahabwa gusa igice kimwe cyo kuvuga, gusoma, kwandika no gusobanukirwa Icyongereza kugira ngo bemererwe guhabwa ubufasha bw'ururimi.
- c. Ibwiriza rivuga muri rusange ko, Akarere kazemera ubusabe bw'ababyeyi buvuga ko bakeneye guhabwa ubufasha bw'ururimi bidasabye ubundi busobanuro.
- d. Uburyo bwo kumenya ababyeyi bashobora kuba bakeneye guhabwa ubufasha bw'ururimi binyujije, byibuze: (i) mu bibazo by'ubushakashatsi bibazwa ababyeyi mu ngo(s), mu rurimi bumva, igihe bifuza gutumanaho mu nyandiko zisemuye cyangwa ikiganiro n'umusemuzi, niba ari uko bimeze, kugaragaza serivisi z'ururimi zikenewe; (ii) ibiganiro hagati y'ababyeyi n'abakozi; hamwe (iii) no gukoresha amakuru ajyanye n'abanyeshuri bahabwa ubufasha bw'ururimi, Akarere gafite inshingano yo kumenya, kugira ngo bemeze ko ababyeyi babo banyeshuri bakeneye guhabwa ubufasha bw'ururimi (LEP).

Paji 2 – Akarere k’Amashuri ka Dayton City School District, Amasezerano y’imikemurire y’ikibazo, OCR numero ya dosiye #15-21-1023

- e. Uburyo bwo kwizera ko buri shuri riri mu Karere rifite urutonde rw’ababyeyi bemejwe ko bakeneye guhabwa serivisi z’ubufasha bw’ururimi hamwe n’ubwoko bwa serivisi z’ubufasha bw’ururimi bakeneye. Urutonde ruzabwa abakozi bose bakorera mu nyubako bashobora kugira aho bahurira n’ababyeyi cyangwa abanyeshuri bahabwa ubufasha bw’ururimi mu gihe cy’amasaha asanzwe y’ishuro na nyuma ya gahunda n’ibikorwa by’ishuri. Akarere kandi kazakora ibishoboka byose kugira ngo aya makuru aboneke neza kugira ngo yifashishwe nka bimwe mu mawiriza asanzwe agenderwaho mu kuvugana n’ababyeyi.
- f. Uburyo bushimangira ko ubuyobozi bw’Akarere kose bufite urutonde rw’ababyeyi bose bo mu Karere bagomba guhabwa ubufasha bw’ururimi hamwe n’amazina y’ababyeshuri yatanzwe na buri kigo cy’ishuri ko bakeneye guhabwa serivisi z’ubufasha mu rurimi, ubwoko bwa serivisi z’ubufasha mu rurimi bakeneye guhabwa, n’ururonde rwa serivisi z’ubufasha mu rurimi zahawe ababyeyi zabitswe n’abakozi b’Akarere mu gihe cy’itangwa rya serivisi (urugero: serivisi zo guhubwa umusemuzi mu gihe cy’imyigire yihariye, gukemura ibibazo bijyanye n’imyitwarire), hamwe n’abatanga serivisi (harimo amazina n’icyo bashinzwe, igihe bishoboka). Ku kigero cy’uko amakuru ashobora kubikwa kandi akabonwa hifashishijwe ikoranabuhanga, Akarere kazagenzura ubwo buryo. Igihe Akarere kifashisha kwiga hakoreshejwe ikoranabuhanga (e-school) mu kubika no kugera ku rutonde rwagutse rw’ababyeyi bo mu Karere bakeneye ubufasha bw’ururimi, Akarere kazashimangira ko buri ishuri ryo mu karere rifite urutonde rw’ababyeyi bakeneye ubufasha bw’ururimi n’abakozi bose bashobora guhura nabo bafite uburyo bwo kubona amakuru ku babyeyi bakeneye ubufasha bw’ururimi igihe ari ngombwa.
- g. Uburyo buzatuma abakozi b’Akarere bashobora kubonera ku gihe abasemuzi, bakwiriye kandi bashoboye nkuko bikenewe.
- h. Uburyo buzatuma Akarere kizera neza ko abasemuzi, harimo n’abandi bafatanyabikorwa mu gutanga serivisi z’indimi (urugero: Affordable language Services, Vocalink) bahuguriwe umwuga wo gusobanura no gusemura, imyitwarire igenderwaho mu gusemura hamwe n’impamvu yo kubika ibanga.
- i. Uburyo bwo gushimangira ko abasemuzi, n’abandi bose bafite kontaro yo gutanga serivisi y’indimi, bafite ubumenyi mu Cyongereza no mu rurimi kavukire rw’ababyeyi ku magambo yihariye cyangwa ingingo zihariye zikoreshwa muri gahunda cyangwa mu bikorwa by’Akarere bari gutangamo serivisi, harimo ariko bitagarukira gusa ku basemuzi basemura muri Porogaramu y’imyingire yihariye (IEP) no mu Gice 504 kugira ubumenyi bw’amagambo yabugenewe akoreshwa mu burezi bwihariye.
- j. Uburyo bwo gushimangira ko abasemuzi, harimo n’abandi batanga serivizi z’indimi, basobanukiwe n’urwego rw’imisomere y’abagenerwa serivisi, aho bikwiriye kuba bafite ubumenyi nshingiro bw’inyunguramagambo n’imvugo y’ururimi itsinda basemurira rikoresha. Uburyo bugomba gusaba, nkuko ari bikwiye kandi bikenewe, ubujyanama mu Karere cyangwa ibigo by’ingenzi mu gufasha kwemeza niba inyandiko yanditse ku rwego rukwiye kubateganijwe.

- k. Uburyo bwo kumenyesha buri mwaka abakozi b’Akarere bireba ku, ko ikoreshwa ry’abagize umuryango n’inshuti mu gutanga ubufasha bw’ururimi ko muri rusange bitemewe. Itangazo rigomba kuvuga ko gukoresha bene abo bantu bishobora guteza ikibazo mu kugira amakuru ibanga, cyangwa ibibazo by’inyungu bwite, kandi mu bihe byinshi bene abo bantu ntabwo baba bafite ubushobozi bwo gutanga ubusemuzi nyabwo. Ubu buryo nanone buzashiyamo kumenyesha abakozi b’Akarere bireba ko batagomba gushingira kubagize umuryango n’ishuti mu gutanga ubufasha bw’ururimi ku b’abyeyi bashaka kumenya gahunda n’ibikorwa by’ingenzi, nk’icyitonderwa kuri ibyo, nubwo ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi baba bagaragaje ubushake bwo kwishakira umusemuzi, Akarere kazakomeza gukenera, hashingiye ku bikorwa bihari gutanga umusemuzi wabo kugira ngo bizere ko ubusemuzi n’ubusobanuro bw’amakuru y’ingenzi bunoze, by’umvihariko, bitagarukiye gusa ko ubumenyi bw’umusemuzi watoranyijwe n’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi butakoreshejwe. Byongeye, itangazo rigomba kuvuga ku ikoreshwa ry’abana batujuje imyaka y’ubukure ko ritera impungenge zihariye ku bijyanye n’ubushobozi, ireme, n’isemurwa ry’amakuru nyakuri kubera iyo mpamvu ntanarimwe hagirwa inama yo gukoresha bene abo bana mu gutanga amakuru ajyanye n’uburezi bwabo cyangwa amakuru agoranye.
- l. Uburyo bwo kumenya isobanurwa ry’inyandiko z’ubutegetsi mu rurimi rwa buri tsinda ry’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi bemerewe gufashwa cyangwa abo gahunda cyangwa ibikorwa by’Akarere bishobora kugiraho ingaruka. Mu kwemeza inyandiko z’ubutegetsi, Akarere kazareba akamaro k’amakuru ya gahunda, ibyagaragaramo bititezwe, cyangwa serivisi zirimo, hamwe n’ingaruka byagira ku babyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi mu gihe ayo makuru avugwa yaba atatanzwe ku buryo bwuzuye cyangwa atatangiwe igithe. Byibuze, inyandiko z’ubutegetsi zikurikira zigomba guhindurirwa mu rurimi rw’itsinda ry’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi:
- (1) Imenyesha ry’amabwiriza y’umutekano mu rwego rwo gufasha abana bafite ubumuga guhabwa uburezi rusange bukwiriye ku buntu (FAPE) mu Gika 504 cy’Itegeko rikumira ivangura rishingiye ku bumuga muri gahunda za leta ryo mu mwaka w’i 1973 (Igika 504) n’Itegeko rirengera abafite ubumuga mu guhabwa uburezi bujyanye n’ibyo bakeneye (IDEA).
  - (2) Inyandiko zijiyanje no kwemererwa n’imyanzuro yo gushyirwa mu myanya hashingiye ku Gika 504 n’itegeko rya IDEA.
  - (3) Amatangazo ya disiplini hamwe n’uburyo bukoreshwa..
  - (4) Ifishi zo kwiyandikisha/n’izisaba kwandikwa, ifishi zimenyesha ibintu byihutirwa hamwe n’andi mafishi akunze gukoreshwa n’akarere mu kumenyesha ababyeyi.
  - (5) Indangamanota na raporo zigaragaza imikorere y’umunyeshuri.

Paji 4 – Akarere k’Amashuri ka Dayton City School District, Amasezerano y’imikemurire y’ikibazo, OCR numero ya dosiye #15-21-1023

- (6) Amatangazo arebana n’amahuriro cyangwa inama z’ababyeyi n’abrimu.
  - (7) Udutoabo twagenewe ababyeyi cyangwa inyandiko ivuga amakuru ku kintu.
  - (8) Inyandiko z’amakuru arebana n’iboneka ry’amahitamo arebana n’imyigire n’itegura, harimo gahunda y’abana bafite impano, porogaramu zijiyanne n’indimi, ubujyanama hamwe na serivisi zifasha mu gutanga umurongo.
  - (9) Uburyo bwo guhitamo busaba amakuru atanzwe n’ababyeyi arebana n’ururimi gakondo rw’umwana hamwe n’ururimi ababyeyi bahisemo rubabereye mu guhabwamo amakuru n’ishuri.
- m. Uburyo bwo gusemura no guhindura imenyesha (urugero: guhamagarwa ku buryo bw’ikoranabuhanga) n’imenyesha ryihutirwa mu rurimi buri tsinda ry’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi bemerewe gufashwa cyangwa abo gahunda cyangwa ibikorwa by’Akarere bishobora kugiraho ingaruka.

**Igisabwa mu gutanga rapor:** Tariki **8 Mata 2022**, Akarere kazashyikiriza Ibiro bishinzwe kurengera uburenganzira rusange bw’abaturage (OCR), kopi ya gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi yateguye hashingiye ku bisabwa byavuzwe mu ngingo 1, kugira ngo isuzumwe kandi yemezwe.

2. Mu minsi 90 uhereye ku munsi OCR yemerejeho gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi, Akarere kazubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry’iyo gahunda.

**Ibisabwa mu gutanga rapor:**

Mu minsi 90 hakiriwe iyemezwa rya gahunda yo gutanga ubufashwa bw’ururimi ryakozwe na OCR, Akarere kazashyikiriza OCR inyandiko ikubiyemo amakuru agaragaza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi yateguye hashingiye ku bisabwa mu ngingo ya 1, harimo imenyesha rikorwa hakurikijwe iningo 1.a, imenyeshwia rikorwa buri mwaka hashingiye ku ngingo 1.m, ikimenyetso icyo ari cyo cyose kigaragaza ko abakozi b’Akarere bamenyeshejwe kandi bahabwa amahugurwa kuri gahunda ya Karere yo gutanga ubufasha bw’ururimi (urugero: ibiri ku murongo w’ibyigwa mu nama/amakuru, ibikoresho by’amahugurwa, amabwiriza agenderwaho yihuse).

Ku mpera z’igihebwwe cya mbere cy’ishuru nyuma yo guhabwa gahunda ya gutanga ubufasha bw’ururimi yemejwe na OCR, Akarere kazashyikiriza OCR inyandiko ikubiyemo amakuru ko Akarere kubahirije ibiri mu ngingo 1.e na 1.f hamwe n’inyandiko Akarere kahinduye mu zindi ndimi, harimo urubugampuza rw’amakuru yose yahinduwe mu rundi rurimi agaragara ku rubuga rwa interineti rw’Akarere.

Ku mpera z’umwaka wose w’amashuru nyuma yo guhabwa gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi yemejwe na OCR, Akarere na OCR bazagena itariki abakozi ba OCR bazasuzumiraho ko Akarere kashyize mu bikorwa amabwiriza agenga

Paji 5 – Akarere k’Amashuri ka Dayton City School District, Amasezerano y’imikemurire y’ikibazo, OCR numero ya dosiye #15-21-1023

amasezerano. Igenzura ntirizakorwa mbere yuko Akarere gashyira mu bikorwa gahunda nibura mu mezi atandatu. Igenzura rya OCR rishobora gukoresha uburyo bwinshi bwo gusuzuma uko Akarere kubahirije ishyirwa mu bikorwa ry’amabwiriza akubiye mu masezerano bitarimo gusa gusura inyubako zatoranyijwe na OCR; kureba inyandiko zifitwe n’Akarere; ibibazo ku bushakashatsi byabajijwe abakozi; cyangwa ibiganiro bibaza ku bakozi batoranyijwe mu nyubako z’ishuri.

3. Kugeza tariki **8 Mata 2022**, Akarere kazategura uburyo bwanditse bwo gusuzuma umusaruro bukorwa mu mwaka ku byerekeye ihikorere myiza kuri gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi, yateguve hashingiye ku ngingo 1. Uburyo bwo gusuzuma bwanditse buzaba burimo ibi bikurikira:
  - a. Kumenya abakozi bafite inshingano zo kugenzura buri mwaka gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi.
  - b. Kumenya itariki igenzura rikorwa buri maka rigomba kuba ryarangiriye.
  - c. Urutonde rw’amakuru n’ingingo zigomba gusuzumwa mu gihe cyo kugenzura gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi, zizaba zirimo nibura, ibi bikurikira: kumenya amatsinda ahari y’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi bafashijwe n’Akarere; iboneka ry’amakuru ajyanye n’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi hamwe n’ibikenewe mu bufasha butangwa n’Akarere-hamwe no ku mashuri; inshuro zo guhura n’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi; kuboneka kwa serivisi z’ubusemuzi, harimo ikoranabuhanga hamwe n’ibindi wabonaho andi makuru, ikiguzi byatwaye; niba uburyo busanzwe bwo gutanga ubufasha bw’ururimi bukemura ibikenerwa n’ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi; cyangwa niba abakozi basobanukiwe na gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi n’uburyo bwo kuyishyira mu bikorwa, harimo inshingano zabo, igihe hari izihari; cyangwa niba ubufasha bw’ururimi butangirwa igihe.
  - d. Uburyo bwo kwemeza niba inyandiko nshya, porogaramu, serivisi n’ibikorwa bigomba gukorwa ku buryo ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi babasha kubibona, cyangwa niba Akarere gakeneye kumenyesha impinduka iyo ari yo yose muri serivisi zigenewe ababyeyi bahabwa ubufasha bw’ururimi n’abakozi b’Akarere.
  - e. Uburyo bwakozwe kugira ngo bugenzure ireme buri gihebwe rya servizi zo gusemura zitangwa n’Akarere. Uburyo bwo kugenzura buzaba burimo nibura, uburyo bwo gukusanya ibitekerezo byatanzwe n’abanyeshuri n’ababyeyi ku kuba byibuze basobanukirwa n’amakuru bahabwa binyuze mu basemuzi b’Akarere kandi niba bahabwa ubusemuzi bw’amakuru y’ingenzi ku buryo bunoze kandi ku gihe.

**Igisabwa mu gutanga raporo:** Tariki **8 Mata 2022**, Akarere kazashyikiriza OCR, kopi, ya gahunda yo kugenzura kateguye gashingiye ku bisabwa muri izo ngingo 3 zavuzwe hejuru kugira ngo isuzumwe kandi inemezwe.

Paji 6 – Akarere k’Amashuri ka Dayton City School District, Amasezerano y’imikemurire y’ikibazo, OCR nomero ya dosiye #15-21-1023

4. Mu minsi 180 uhereye ku munsi OCR yemerejeho gahunda yo kugenzura, Akarere kazubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry’iyo gahunda.

**Igisabwa mu gutanga raporo:** Mu minsi 180 uhereye ku munsi OCR yemerejeho gahunda yo kugenzura, Akarere kazatanga inyandiko iganzura ko kemeje kandi kashyize mu bikorwa iyo gahunda.

Mu mpera z’umwaka wose w’amashuri nyuma y’itangwa rya gahunda yo gutanga ubufasha bw’ururimi yemejwe na OCR, Akarere kazashyikiriza OCR inyandiko igaragaza amakuru yavuye mu ingenzura ryo kureba ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Karere yo gutanga ubufasha bw’ururimi, harimo inyandiko ikubiyemo amakuru ku mpinduka iyo ari yo yose yatewe n’iganzura.

### **Ibisabwa muri rusange**

Akarere gasobanukiwe ko gushyira umukono kuri aya masezerano, kemeye gutangira ku gihe amakuru yavuye mu bushakashatsi n’andi makuru yose kagendeye ku bisabwa mu gutanga raporo biri muri aya masezerano. Kandi, Akarere gasobanukiwe ko mu gihe cyo kugenzura aya Masezerano, igihe biri ngobwa, OCR ishobora gusura Akarere, kubaza abakozi n’abanyeshuri, no gusaba raporo zisumbuyeho cyangwa amakuru y’ubushakashatsi kubera ko ari ingezi kuri OCR kugira ngo yemeze ko Akarere kubahirije amategeko n’amabwiriza akubiye muri aya Masezerano Ugendeye ku kunyurwa kwa Karere kubirebana n’amategeko n’amabwiriza akubiye muri aya Masezerano, OCR izarangiza ikirego.

Akarere gasobanukiwe kandi kemera ko OCR ishobora gukoresha ububasha bw’amategeko mu gutuma amategeko n’amabwiriza yihariye akubiye muri aya Masezerano /cyangwa ingingo z’amategeko n’amabwiriza byubahirizwa. Mbere yo gukoresha ubwo bubasha bw’amategeko, OCR izamenyesha mu nyandiko Akarere mu minsi 60 iyubahirizwa ry’amategeko ryakozwe mu rwego rwo kubikemura.

Aya Masezerano azatangira kubahirizwa akimara gushyirwaho umukono n’uhagarariye Akarere uvugwa hasi.



---

Umuyobozi mukuru cyangwa Uhagarariye akarere

1/20/22

---

Tariki